Kigali, le 23 MAI 1986

n° 2012 /15.00.01

# I T A N G A Z O

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative afatanyije na Komite Nyobozi y'Umukino w'intoki wa Volleyball aramenyesha abakunda uwo mukino ko shampiyona nasiyonali ya volleyball y'uyu mwaka izakomeza mu mpera z'iki cyumweru ku bulye bukulikira :

Kuwa gatandatu, taliki ya 24 Gicurasi 1986:

Dore uko imikino ya nyuma y'ijonjora izakinwa :

Mu cyiciro cya gatatu cy'Abagabo :

- Umukino wahuje Koleji Kristu Umwami y'i Nyanza na Seminari y'i Ndera taliki ya 18 Gicurasi 1986 uzasubirwamo i Nyanza isaa cyenda.

  Umusifuzi ni : - BICAMUMUYANGE Nesitori.

- Umukino wahuje CETAI yo mu Rugunga n'Ishuli lyo mu Rubilizi taliki ya 17 Gicurasi 1986 uzasubirwamo ku kibuga cya Club Rafiki i Nyamirambo isaa cyenda.

  Umusifuzi ni : - NYANDAGARA Faransisiko.

Mu cyiciro cy'Abakobwa :

- Umukino wagombaga guhuza Groupe Scolaire Notre Dame de Cîteaux y'i Kigali na Kaminuza yo mu Ruhengeri ili i Butare taliki ya 17 Gicurasi 1986 uzakinirwa ku kibuga cya Groupe Scolaire Notre Dame de Cîteaux i Kigali isaa munani n'igice.

- Umukino wagombaga guhuza Kaminuza yo mu Ruhengeri ili i Butare na Groupe Scolaire y'i Rwaza taliki ya 23 Gashyantare 1986 uzakinirwa ku kibuga cya Groupe Scolaire Notre Dame de Cîteaux i Kigali isaa cyenda n'igice.

- Umukino wagombaga guhuza Ishuli ly'i Remera-Rukoma na Kaminuza y'i Butare taliki ya 11 Gicurasi 1986 uzakinirwa i Remera isaa cyenda.

- Umukino wali guhuza Lionnes ya Nyarugenge n'Ikigo cyo ku Kacyiru taliki ya mbere Gicurasi 1986 uzakinirwa ku Kimisagara isaa cyenda.

Mu mpera z'iki cyumweru kandi hazatangira imikino ibanziliza iya nyuma ku bulye bukulikira :

.../...

<u>Kuwa gatandatu, taliki ya 24 Gicurasi 1986 isaa cyenda</u>:

<u>Mu cyiciro cya mbere cy'Abagabo</u> :

- Groupe Scolaire y'i Butare izahura na Gisenyi Volleyball Club ku kibuga cya Groupe Scolaire i Butare.

  <u>Abasifuzi ni</u> : - NKULIKIYINTWALI Yohani wa Mungu
  - Furere VAANOORDEN Noheli.

<u>Ku cyumweru, taliki ya 25 Gicurasi 1986 isaa yine</u>:

<u>Mu cyiciro cya mbere cy'Abagabo</u> :

- Kaminuza y'i Butare izahura na Kaminuza yo mu Ruhengeri ku kibuga cya Groupe Scolaire ya Mutagatifu Andereya i Nyamirambo.

  <u>Abasifuzi ni</u> : - NIKOMBABONA Gasipari
  - BICAKUMUYANGE Nesiteri.

<u>Mu cyiciro cya kabili cy'Abagabo</u> :

- Ishuli ly'i Kabgayi lizahura na Seminari y'i Butare i Kabgayi.

  <u>Abasifuzi ni</u> : - NIZIGIYEYO Viyateri
  - NKULIKIYINTWALI Yohani wa Mungu.

- Groupe Scolaire y'i Byumba izahura n'Ishuli ly'i Shyogwe i Byumba.

  <u>Abasifuzi ni</u> : - MUSILIKARE Yohani Nipomuseni
  - FARANGA Lewonidasi.

<u>Mu cyiciro cy'Abakobwa</u>:

- Kaminuza y'i Butare izahura n'Ishuli lyo ku Kibuye i Ruhande.

  <u>Abasifuzi ni</u> : - Furere VAANOORDEN Noheli
  - KALIMIJABO Viyateri

- Ishuli lyo ku Mubuga lizahura n'Ishuli ly'i Remera-Rukoma ku Mubuga isaa saba.

  <u>Abasifuzi ni</u> : - RUZINDANA Yohani Mariya Viyani
  - KWITONDA Andereya.

<u>ICYITONDERWA</u>: - Kwinjira ni amafaranga ijana ku mikino ibanziliza iya nyuma izabera ku kibuga cya Groupe Scolaire i Butare no ku cya Groupe Scolaire ya Mutagatifu Andereya i Nyamirambo.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Lt Col BEM.

Thomas
Directeur Général